



MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
B.P 3445, KIGALI
Website: www.minaloc.gov.rw

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)

Impamvu: Amabwiriza asobanura uburyo bwo gushyira ingo mu byiciro bishya by'Ubudehe

Madamu/Bwana Muyobozi;

Nshingiye ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 16 Kamena 2020 yemeje ivugururwa ry'ibyiciro by'ubudehe;

Mbandikiye iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka **amabwiriza asobanura uburyo bwo gushyira ingo mu byiciro bishya by'Ubudehe**, hashingiwe ku masomo yagaragajwe n'igerageza ry'ibyiciro by'ubudehe.

Aya mabwiriza agamije gufasha mu kunoza no kurangiza neza igikorwa cyo gushyira abaturage mu byiciro by'Ubudehe murayasanga ku rubuga rwa MINALOC: www.minaloc.gov.rw no ku rubuga rwa LODA kuri www.loda.gov.rw.

Aya mabwiriza avanaho kandi agasimbura inyandiko yabagejejweho mbere y'igeregeza ry'iki gikorwa yoherejwe n'ibaruwa n° 201/07.01 yo kuwa 8 Nzeri 2020.

Nkaba nongeye kubibutsa ko mwarushaho gukangurira abaturage kwishyira mu byiciro uko bikwiye, mufatanyije n'izindi nzego mukorana.

Kubera uburemere bw'iki gikorwa, murasabwa gushishikariza inzego zose (Akarere, Umurenge n'Akagari) zikurikirana iki gikorwa kureba ko ibikubiye muri aya mabwiriza byubahirizwa.

Mugire akazi keza.

Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri

Bimenyeshejwe

- Madamu Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage;
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose);
- Bwana Umunyabanga uhoraho muri MINALOC;
- Madamu Umuyobozi mukuru wa LODA.

REPUBULIKA Y'URWANDA



MINALOC

REPUBULIKA Y'URWANDA



LODA

**AMABWIRIZA ASOBANURA UBURYO BWO
GUSHYIRA INGO MU BYICIRO BISHYA
BY'UBUDEHE**

Gashyantare, 2021

1. Iriburiro

Mu mwaka wa 2001 hashyizweho ibyiciro 6 by'Ubudehe ari byo: *Umutindi Nyakujya, Umutindi, Umukene, Uwifashije, Umukungu, n'Umukire*. Ivugurura rya mbere ry'ibi byiciro ryashingiye ku mpinduka mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage bitari bikijyanye n'izi nyito ndetse n'amazina adakwiye kandi yateraga ipfunnwe abayitwa.

Ivugurura rya kabiri ry'ibyiciro by'Ubudehe ryatangiye kuva mu mwaka wa 2013 kugeza mu mwaka wa 2015, ibyiciro byavuye kuri bitandatu (6) bigera kuri bine (4) kandi aho gukoresha amazina bihabwa inomeru kuva ku cyiciro cya mbere kugeza ku cya kane.

Igice cya kabiri cy'ibyiciro by'Ubudehe cyaranzwe n'uko gahunda zitandukanye zigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage zose zashingiye ku byiciro by'ubudehe (harimo n'amafaranga afasha abanyeshuri muri Kaminuza – scholarships), bituma abaturage bahora bahanze amaso ubufasha Leta itanga, bagahora bajuririra ibyiciro barimo, bifuzaga gushyirwa mu byiciro bifashwa kandi akenshi badakwiye ibyo byiciro.

Ku wa 16 Kamena 2020 Inama y'Abaminisitiri yemeje ivugururwa ry'ibyiciro by'Ubudehe bishya bije gusimbura ibyari byarashyizweho mu mwaka wa 2015.

Iri vugurura ry'ibyiciro by'Ubudehe rishingiye ku bitekerezo byakusanyijwe binyuze mu nteko z'abaturage kubufatanye n'imiryango itegamiye kuri Leta n'iya sosiyete sivili. Muri icyo gikorwa ngishwanama hahuriwe ku gitekerezo cy'uko habaho ibyiciro bitanu (5) bihabwa inyito A, B, C, D na E.

Umwihariko w'ibi byiciro bishya ni uko bizafasha mu kwihutisha impinduka zigamije iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Undi mwihariko ni icyiciro cyihariye (E) kirimo abantu bafite ibibazo byihariye byiyongera ku bukene bukabije; urugero (abafite ubumuga bukabije, uburwayi budakira, abakuze barengeje imyaka 65 n'abana birera kandi nta mutungo cyangwa akazi bafite bibinjiriza ibibatunga cyangwa ahandi bakomoraho imibereho).

2. Gahunda y'Ubudehe, ibyiciro by'Ubudehe n'icyo bigamije

Mu mateka y'u Rwanda, Ubudehe bwari uburyo bw'Abanyarwanda bwo gukorera hamwe no gufashanya hagamijwe gukemura ibibazo bahuriyeho mu muryango mugari. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta yashyizeho gahunda y'Ubudehe mu rwego rwo kunganira ingamba z'igihugu zo kurwanya ubukene no gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

2.1. Ibyiciro by'Ubudehe ni iki?

Ibyiciro by'Ubudehe ni uburyo (approach) bugaragaza ishusho y'imibereho y'abaturage n'uko barutana mu bukungu.

Gushyira ingo z'abaturage mu byiciro by'Ubudehe bifasha Igihugu kugira amakuru y'ibanze yifashishwa mu igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zitandukanye zirebana n'imibereho y'abaturage n'iterambere mu bukungu.

2.2. Ese ibyiciro bishya (A, B, C, D na E) bigereranywa bite n'iby'ubushize (1,2,3,4)?

Ibyiciro bishya bishingiye ku ishusho y'imibereho y'ingo hagendewe ku miterere y'ingo n'abazigize, no ku mitungo bafite. Igereranyafatizo ry'ibyiciro bishya (A, B, C, D na E) nubwo bitagereranywa cyane n'iby'ubushize (1,2,3,4) bigaragaza ko:

- **Icyiciro cya A:** usangamo ingo zabarizwaga mu cyiciro cya 4, bivuze ko izindi ngo nkeya zari mu cyiciro cya 4, ubu zibarizwa mu cyiciro cya B.
- **Icyiciro cya B:** ni icyiciro kirimo ingo zari mu cyiciro cya 3 n'izindi nkeya zari mu cyiriro cya 4.
- **Icyiciro cya C:** ni icyiciro kirimo ingo zabarizwaga mu cyiciro cya 3 n'izindi ngo zari mu cyiciro cya 2.
- **Icyiciro cya D:** ni icyiciro kirimo ingo zabarizwaga mu cyiciro cya 1 bivuze ko izindingo nkeya tuzisanga mu cyiciro cya E.
- **Icyiciro cya E:** ni icyiciro cyihariye kirimo ingo zifite umwihariko kubera imbogamizi z'uko abazibarizwamo badafite ahantu na hamwe ho gukura ikizitunga zikaba nazo zari zisanzwe mu cyiciro cya mbere (1).

Ibi byiciro bishya byagabanyije ubucucike mu byiciro by'ubudehe cyane cyane mu cyiciro cya mbere (1), icyiciro cya kabiri (2), n'icyiciro cya 3.

2.3. Ibyiciro by'Ubudehe bigamije iki?

- Gutanga amakuru y'ibanze ku mibereho y'ingo z'Abanyarwanda yo kwifashisha mu igenamigambi ry'inzege za Leta n'abandi bafatanyabikorwa;
- Kunganira andi makuru akomoka mu bundi bushakashatsi mu gukora igenamigambi rinoze;
- Gukoreshwa mu gupima intambwe iterwa n'abaturage mu mibereho n'iterambere;
- Gufasha abaturage kwishakamo ibisubizo bafashanya hagati yabo ubwabo badategereje ak'imuhana;
- Gufasha inzego zikorana n'abaturage gutegura gahunda zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

3. Ibishya biri muri iri vugurura ry'ibyiciro bishya by'ubudehe

- a) Inyito y'ibyiciro by'ubudehe izava mu mibare ijye mu nyuguti: A, B, C, D & E (icyiciro cyihariye); impinduka mu nyito z'ibyiciro rifite icyo risobanuye cyiza mu myumvire y'Abaturage, hashingiwe no ku bitekerezo batanze;
- b) Gutandukanya ingo zo mu cyaro n'izo mu muji hashingiwe ku byinjiriza urugo;
- c) Gukora ibyiciro bishingiye ku bitekerezo byatanzwe n'abaturage kandi bakishyira mu byiciro hashingiwe ku byo binjiza; kwishyira mu byiciro bigakorera ku rwego rw'Umudugudu kugira ngo bizamure imyumvire n'uruhare rw'abaturage, bityo babigire ibyabo;
- d) Kudashingira ku byiciro by'Ubudehe mu guha serivisi abaturage, no kugabanya uruhare ibyiciro byagiraga mu gutoranya abagenerwabikorwa ba zimwe muri gahunda za Leta (**urugero:** kudashingira ku byiciro by'ubudehe mu kugena abahabwa inguzanyo zo kwiga muri Kaminuza).

- e) Kugira ngo abagenerwabikorwa ba gahunda zo kurengera abatishoboye bagire uruhare mu bibakorerwa, bazajya basinya imihigo y'iterambere ry'ingo zabo kandi bagaragaze ibyo bagezeho.
- f) Gushyiraho abafashamyumvire ku rwego rw'Umudugudu bazagira uruhare mu gufasha abaturage guhindura imyumvire hagamijwe ukwigira kw'ingo, gukurikirana ingo, no kuzishishikariza gukora ibikorwa bizifasha kwiteza imbere.
- g) Kunoza uburyo bwo gutoranya abagenerwabikorwa hashingiwe ku makuru y'imibereho y'ingo zabo;
- h) Kunoza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo gufasha abagenerwabikorwa hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.

4. Impamvu y'aya mabwiriza

Aya mabwiriza agamije gufasha no gusobanurira abaturage, inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa uburyo bwo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe, hashingiwe ku masomo yagaragajwe n'igerageza ryakozwe kugira ngo iki gikorwa kirusheho kugenda neza. Aya mabwiriza agamije gufasha mu kunoza no kurangiza neza igikorwa cyo gushyira abaturage mu byiciro by'Ubudehe.

Aya mabwiriza avanaho kandi agasimbura inyandiko mwagejejweho mbere y'igeregeza ry'iki gikorwa yoherejwe n'ibaruwa n° 201/07.01 yo kuwa 8 Nzeri 2020.

5. Ibyiciro bishya by'Ubudehe n'Imiterere yabyo.

5.1. Ibiranga ibyiciro bishya by'Ubudehe

Ibyiciro bishya by'Ubudehe ni bitanu. Icyiciro cya A, B, C, D, E.

Ibyiciro bishya by'Ubudehe bishingira ku bushobozi bw'imibereho y'ingo bukomoka mu byo bakora bibinjiriza, haba ku mushahara (abakozi ba Leta cyangwa Ibigo byigenga, n'abikorera), ubushobozi bwo gukora, ibyinjizwa bituruka mu mitungo itimukanwa harimo inyubako n'ubutaka, umusaruro uva mu buhinzi, ubworozi, ubucuruzi, impano, serivisi n'ahandi.

Gushyira ingo mu byiciro bishingira ku mibereho y'ingo n'ubushobozi bwazo buturuka ku mushahara n'ibindi byinjiza umutungo (nk'uko bivuzwe haruguru) w'umukuru w'urugo n'uwo bashakanye.

5.2. Ibishingirwaho kuri buri icyiciro

Icyiciro	Ibiranga icyiciro
A	<p>Ni icyiciro kirimo ingo usangamo umukuru w'urugo cyangwa uwo bashakanye ufite ubushobozi bwo guhitamo uburyo bw'imibereho ashingiye ku mitungo afite cyangwa ibindi bimwinjiriza amafaranga. Ni ingo zifite ubushobozi buhanitse, abazigize babona ibyo bakeneye bihagije.</p> <p>Icyiciro cya A tugisangamo abakire : Dusangamo abayobozi n'abakozi mu nzego za Leta zitandukanye, abikorera n'abakorera ibigo byigenga, abafata pansiyu, abanyenganda, abacuruzi bakomeye. Nukuvuga, ingo zifite ubukungu cyangwa zinjiza amafaranga ageze cyangwa arenze ibihumbi magana atandatu (Frw 600 000) buri kwezi aturutse muri aha hakurikira haba mu muji cyangwa mu cyaro :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ku mushahara w'abakozi ba Leta, abikorera, abakorera ibigo byigenga, abafata pansiyu cyangwa ababona igihembo cy'akazi kakozwe; 2. Ku bikorwa by'ubucuruzi bunini, ubukorikori, ibihangano, serivisi, n'ibindi ; 3. Ku mitungo itimukanwa harimo ubukode bw'inzu, ubukode bw'ubutaka, cyangwa ubutaka burimo ibibanza mu mijyi...n'ibindi ; 4. Ku mitungo yimukanwa harimo imodoka zikodeshwa, inganda, imashini, n'ibindi bikoresho byinjiza ; 5. Ku bworozi cyangwa ubuhinzi bwa kijyambere. <p>Icyitonderwa : Harebwa kimwe mu byavuzwe haruguru cyangwa igiteranyo cy'ibyavuzwe haruguru kugira ngo urugo ruhabwe icyiciro.</p>
B	<p>Ni icyiciro usangamo umukuru w'urugo cyangwa uwo bashakanye ufite ubushobozi n'ibikorwa byinjiza umutungo ubafasha kubona iby'ibanze bikenerwa n'abagize umuryango.</p> <p>Icyiciro cya B tugisangamo abifashije : Ingo zishobora kubona ibikenewe by'ibanze byo gutunga abagize umuryango (amafunguro, kwivuzura, kwishyura serivisi z'uburezi bw'ibanze n'ibindi,)</p> <p>Dusangamo ingo zinjiza amafaranga ari hagati y'ibihumbi mirongo itandatu na bitanu (Frw 65 000) n'amafaranga ibihumbi Magana atanu mirongo icyenda n'icyenda na Magana icyenda mirongo icyenda n'icyenda (Frw 599 999) buri kwezi aturutse muri aha hakurikira haba mu muji cyangwa mu cyaro :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ku mushahara w'abakozi ba Leta, abikorera, abakorera ibigo byigenga, abafata pansiyu cyangwa ababona igihembo cy'akazi kakozwe; 2. Ku bikorwa by'ubucuruzi buciriritse, ubukorikori, ibihangano, serivisi, n'ibindi ; 3. Ku mitungo itimukanwa iringaniye harimo ubukode bw'inzu, ubukode bw'ubutaka, cyangwa ibibanza byo kubakamo mu mijyi ...n'ibindi ; 4. Ku mitungo yimukanwa iringaniye harimo imodoka zikodeshwa, inganda, imashini, n'ibindi bikoresho byinjiza; 5. Ku musaruro uva mu bworozi bw'amatungo maremare n'amagufi buciriritse cyangwa umusaruro uva ku buhinzi buciriritse. <p>Icyitonderwa : Harebwa kimwe mu byavuzwe haruguru cyangwa igiteranyo cy'ibyavuzwe kugira ngo urugo ruhabwe icyiciro. Mu gihe igiteranyo cy'ibyo urugo rwinjiza kirenze amafaranga yavuzwe haruguru, urugo rushyirwa mu icyiciro cyisumbuyeho.</p>

Icyiciro	Ibiranga icyiciro
C	<p>Ni icyiciro kibarizwamo ingo z'abantu bafite ubushobozi bucyeye mu bijyanye n'umutungo cyangwa aho bakura icyo binjiza mu rugo. Aba bantu bashobora gukora imirimo y'amaboko isanzwe.</p> <p>Icyiciro cya C tugisangamo abakene: Dusangamo ingo zifite ubushobozi bucyeye (abakene), aho ibitunga urugo cyangwa ibyo rwinjiza ku kwezi bitagera ku mafaranga ibihumbi mirongo itandatu na bine na magana icyenda mirongo icyenda n'icyenda (Frw 64 999), aturutse muri aha hakurikira haba mu muji cyangwa mu cyaro:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ku mirimo bahemberwa buri kwezi cyangwa nyakabyizi ibaha amafaranga macye/adahagije 2. Ku bikorwa by'ubuhinzi butanga umusaruro udahagije cyangwa ubutaka buto butera neza 3. Ku bworozi butanga umusaruro udahagije cyane cyane amatungo magufi 4. Ku bucuruzi buto buto/butarashinga butabaha amafaranga afatika. <p>Icyitonderwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Iyo ibitunga urugo bikomoka ahantu harenze hamwe mu havuzwe haruguru, harebwa igiteranyo cy'ibyo urugo rwinjiza byose. Mu gihe igiteranyo cy'ibyo urugo rwinjiza kirenze amafaranga yavuzwe haruguru, urugo rushyirwa mu cyiciro cyisumbuyeho. - Ingo ziri muri iki cyiciro zizasinyana amasezerano na Leta yo kwikura mu bukene
D	<p>Ni icyiciro kibarizwamo ingo z'abantu (umukuru w'urugo n'uwo bashyakanye) badafite imitungo na mba ku buryo bagomba guca inshuro kugira ngo babone ibitunga haba mu muji cyangwa mu cyaro.</p> <p>Icyiciro cya D tugisangamo abakene cyane, bagaragazwa n'ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Urugo rubaheyo mu bukene bukabije; 2. Urugo rudafite umutungo (nta sambu, nta tungo, nta mitungo yimukanwa cyangwa itumukanwa), rudafite ahantu na hamwe rukura ibitunga abarugize usibye guca inshuro cyangwa kubihabwa n'abaturanyi; 3. Nta murimo uhoraho ubatunga kandi nta n'ubumenyiringiro bafite 4. Uru rugo kandi usangamo abantu bafite ubushobozi bwo gukora imirimo y'amaboko iciriritse <p>Icyitonderwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> - N'ubwo izi ngo zidafite imitungo na mba, zifite amahirwe yo gukora imirimo y'amaboko yabafasha kwikura mu bukene, bakiteza imbere. - Ingo ziri muri iki cyiciro zizasinyana amasezerano yo kwikura mu bukene
E	<p>Iki ni icyiciro cyihariye kirimo ingo z'abantu badafite ubushobozi bwo gukora kubera imyaka bafite (izabukuru, cyangwa abana bato bibana), ubumuga bukabije cyangwa indwara zikabije zidakira kandi nta mitungo bafite cyangwa ahandi bakura ibitunga.</p> <p>Muri iki cyiciro usangamo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Umukuru w'urugo n'uwo bashakanye bafite imyaka 65 cyangwa bayirengeje kandi nta handi afite bakura ibitunga abagize umuryango; 2. Umukuru w'urugo cyangwa uwo bashakanye afite ubumuga bukabije kandi nta handi afite akura ibitunga abagize umuryango, ndetse n'uwo bashakanye adashobora gukora kubera izabukuru, indwara cyangwa ubumuga;

Icyiciro	Ibiranga icyiciro
	3. Urugo ruyobowe n'umwana uri muni y'imyaka 18 kandi akaba adafite ikindi akuraho ibitunga abagize umuryango; 4. Umukuru w'urugo cyangwa uwo bashakanye ufite uburwayi bwo mu mutwe budakira kandi adafite ikindi akuraho ikibatunga, ndetse n'uwo bashakanye adashobora gukora kubera izabukuru, indwara cyangwa ubumuga; 5. Urugo ruyobowe n'umuntu ukiri mu ishuri, w'ingaragu kandi urwo rugo rukaba nta bandi barurimo bashoboye gukora nta n'ikindi kintu rukuraho ikibatunga.

5.3. Ibindi bisobanuro

- **Urugo:** bisobanuye abantu babana mu nzu imwe ku bwumvikane cyangwa byemewe n'amategeko basangiye ubuzima bw'imibereho banahuriye ku nkono imwe, bafite umuntu ubakuriye. Umukozi wo muri urwo rugo ntabwo abarirwamo.
- **Umushahara:** ni umushara wose umukozi abona ku kwezi tahana mu rugo.
- **Guca inshuro :** Ni uburyo bwo gushaka ibitunga umuryango hakozwe akazi k'amaboko akenshi igihembo kikaba ibiribwa.
- **Nyakabyizi :** abantu bakoresha amaboko , bakorerera make, natwabo ari akazi gahoraho (unskilled labour)

6. Ishyirwa ry'ingo mu byiciro bishya by'ubudehe

6.1. Gutegura igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe

6.1.1. Ubukangurambaga:

- Ku rwego rw'igihugu: MINALOC na LODA bazakomeza gutanga ibiganiro ku maradiyo na televiziyo bijyanye no kumenyekanisha igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe;
- Inzego z'ibanze zizakora ubukangurambaga bwimbitse hifashishijwe Radio na Televiziyo n'inama z'abaturage (hubahirijwe amabwiriza yo kwirinda COVID-19), aho abantu bahurira nko mu masoko, insengero n'imisigiti. Buri gikorwa kindi cyahuza abayobozi bo ku rwego rwose gikwiye gutangirwamo ubutumwa ku gikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe;
- By'umwihariko Umukuru w'Umudugudu afatanyije n'aba Mutwarasibo bamenyesha abaturage igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe, gahunda (umunsi, isaha, ibyo basabwa kwitwaza, ndetse n'aho igikorwa kizabera).

6.1.2. Gukusanya amakuru no gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe

- Inteko rusange y'abaturage yo gushyira ingo mu byiciro by'ubudehe iyoborwa n'umukuru w'umudugudu;
- Umukuru w'umudugudu yunganiwe n'umukorerabushake w'urubyiruko asobanurira inteko rusange y'abaturage ibyiciro bishya by'ubudehe n'ibibiranga;
- Mu gushyira ingo mu byiciro by'ubudehe hazifashishwa amakuru ku mibereho y'ingo azatangirwa mu nteko z'abaturage hagendewe ku biranga ibyiciro bishya by'ubudehe;

- Urugo ruzatanga amakuru akemangwa, inteko y'abaturage ifite ububasha bwo gutanga amakuru y'ukuri; aho bibaye ngombwa hakifashishwa n'andi makuru asanzwe yarakusanyijwe;
- Mbere yo gutangira igikorwa cyo gukusanya amakuru ashingirwaho mu gushyira ingo mu byiciro by'ubudehe, Umukuru w'umudugudu agomba kuba afite urutonde rw'ingo zose zituye mu mudugudu ayobora. Urwo rutonde azaruhabwa n'ubuyobozi bw'Akarere rukazavanwa muri LODA-MEIS; (*Umugereka:1- Amakuru y'ibanze ku rugo*);
- Ingo zitagaragara kuri urwo rutonde zizashyirwa ku mugereka (*Umugereka:2- Amakuru y'ibanze ku rugo*);
- Ingo zititabiriye igikorwa cy'ikusanyamakuru mu nteko y'umudugudu, inteko y'abaturage itanga amakuru yazo ikanaziha icyiciro;
- Kugirango inteko rusange y'abaturage iterane ibashe gushyira urugo/ingo mu cyiciro cy'ubudehe igomba kuba igizwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'ingo zituye uwo Mudugudu;
- Urugo rutashoboye kwitabira igikorwa cy'ikusanyamakuru ku mudugudu kubera impamvu z'uburwayi, izabukuru cyangwa ubumuga, amakuru yarwo akusanyirizwa mu nteko rukanahabwa icyiciro;

6.2. Abantu cyangwa ibigo/ingo zifite umwihariko

- Ababa mu bigo by'abihayimana (Abapadiri, ababikira, abafurere, abakobwa ba Musenyeri...) babarurirwa mu mudugudu icyo kigo kibarizwamo, umukuru w'ikigo akaba umuyobozi w'urwo rugo, rugahabwa icyiciro;
- Ababa mu bigo by'imfubyi badafite indi miryango babarizwamo, babarurirwa mu mudugudu ikigo gihereyemo, uhagarariye ikigo akaba umuyobozi w'urwo rugo mu gihe adafite urundi rugo abarurirwamo. Iyo uhagarariye icyo kigo afite urundi rugo abarurirwamo, akena umwe mu baba muri icyo kigo akaba ariwe uhagararira urwo rugo.
- Ababa mu bigo cyangwa ingo z'Impinganzima cyangwa abageze mu za bukuru ariko badafite izindi ngo babarizwamo, babarurirwa mu mudugudu icyo kigo/ izo ngo zibarizwamo, umukuru w'urugo akaba umwe mu bagize urwo rugo bitoyemo, rugahabwa icyiciro.
- Abana barerwa mu miryango itarabakiriye mu nzira zemewe n'amategeko, ariko badafite urundi rugo babarurirwamo, babarurirwa muri urwo rugo rwabakiriye;
- Kubera ko icyiciro cy'ubudehe gihabwa umunyarwanda gusa, urugo rugizwe n'abanyarwanda n'abanyamahanga habarurwa abanyarwanda gusa, urugo rugahabwa icyiciro cy'ubudehe umukuru w'urugo akaba umunyarwanda.
- Umugabo ubarizwa mu ngo zirenze rumwe abarurirwa mu rugo rurimo umugore basezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko. Iyo nta mugore n'umwe basezeranye ahitamo urugo rumwe abarurirwamo. Izindi ngo zikabarurirwa ku bagore.

Icyitonderwa:

- Abanyeshuri bari ku ishuri, abakozi mu nzego zitandukanye batari mu ngo zabo kubera akazi barimo mu gihe cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'ubudehe, abagororwa, abari mu bigo ngororamuco babarurirwa mu miryango yabo;
- Ingo zifite umwihariko utagaragajwe muri iyi nyandiko zifatirwa umwanzuro mu nteko y'abaturage.

6.3. Gukosora no gukosoza amakuru ajyanye n'ibyiciro by'Ubudehe

- a. Uhereye umunsi ibyiciro byamanikiwe ku Kagari n'umudugudu, ingo, abaturanyi ndetse n'Ubuyobozi, bahabwa igihe kingana n'iminsi irindwi (7) yo gukosoza amakuru;
- b. Komite y'umudugudu isuzuma ubusabe bwo gukosorerwa cyangwa gukosora amakuru yagejejweho, igatanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3).
- c. Urwego rw'umudugudu rukora raporo ijyanye n'ubusabe bwo gukosoza cyangwa gukosora amakuru bwakiriwe igashyikirizwa urwego rw'Akagari; (*Umugereka wa 9 – Raporo mu ncamake yo gukosora amakuru y'ibyiciro by'ubudehe ku rwego rw'umudugudu*)
- d. Urwego rw'Akagari rusuzuma ubusabe bwo gukosoza cyangwa gukosora amakuru rwagejejweho rugatanga n'igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5);
- e. Impinduka zose zabaye zishingiye ku busabe bwo gukosoza cyangwa gukosora amakuru ku by'icyiciro by'ubudehe zikorera raporo n'urwego rwasuzumye ubwo busabe zigashyirwa muri mudasobwa (MEIS).

6.4. Igihe urugo rwahindura icyiciro cy'Ubudehe

Icyiciro cy'ubudehe gishobora guhinduka igihe cyose:

- a. Byagaragaye ko imibereho y'urugo yateye imbere kurushaho.
- b. Biturutse ku makuru nyakuri cyangwa mashya amenyekanye ku rugo igihe icyo aricyo cyose. Aya makuru ashobora gutangwa na nyir'urugo, umuhagarariye, abaturage, inzego z'ibanze cyangwa agaturuka mu bundi bubiko bw'amakuru (amakuru aturuka mu kigo cy'ubutaka, amakuru yakusanyijwe ku ngo (household profiling), amakuru aturuka mu kigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), ububiko bw'amakuru ya girinka n'ahandi.
- c. Habaye ikintu gihindura ubuzima ku burwo bugaragara.

6.5. Gusuzuma, kwemeza no gutanga raporo y'ibyiciro by'ubudehe

- Nyuma yo gukusanya amakuru n'ibyiciro by'ingo byatangiwe mu nteko z'abaturage, hazabaho guhuza no kugenzura ibyiciro by'ubudehe n'amakuru yatanzwe ku mibereho y'ingo
- Urutonde rw'ingo n'ibyiciro by'ubudehe ruzamanikwa ku biro by'Akagari n'umudugudu mu rwego rwo kugaragariza buri rugo icyiciro cyarwo.
- Buri rwego rw'Ubuyobozi (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali) ruzemeza ibyavuye mu ikusanyamakuru n'ishyirwa ry'ingo mu byiciro by'ubudehe, runabikorere raporo;
- Ubuyobozi bw'Akarere buzatanga raporo yibyemejwe kuri LODA bugenere kopi Intara n'Umujyi wa Kigali.
- LODA izakora igenzura raporo yatanzwe n'Uturere itange raporo kuri MINALOC
- MINALOC izasuzuma raporo habone gutangazwa ibyiciro bya nyuma by'ubudehe;

7. Kwikura mu bukene no kwiteza imbere

- Buri rugo cyane cyane urugo ruri mu cyiciro cya D na C rugomba guharanira no kwiyemeza ko mu gihe cy'inyaka ibiri (2) ruzaba rumaze gutera intambwe; urugo rubigezeho vuba rukazajya rugenerwa ishimwe;
- Ingo ziri mu byiciro bya C na D zigomba gukurikiranirwa hafi kugira ngo zunganirwe, binyuze muri gahunda zo kurengera abatishoboye, gutera intambwe zikura mu bukene kandi ziteza imbere. By'umwihariko abafashamyumvire bazabigiramo uruhare rugaragara;
- Abafashamyumvire, Inteko y'Abaturage na Komite Ngishwanama mu iterambere ry'Akagari babikorera raporo igashyikirizwa Akagari, bakagera kopi Umurenge, igashingirwaho mu guhindurira urugo icyiciro cy'ubudehe;
- Mu gihe cy'amezi atandatu, ingo ziri mu byiciro bya C na D, zizajya zikorera igenzura rifasha kumenya ibimaze kugerwaho mu rwego rwo kwikura mu bukene.

8. Inshingano z'inzeho zinyuranye n'ibisabwa abaturage

- **Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC):** MINALOC ni yo ifite inshingano zo kuyobora ku rwego rw'Igihugu igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro by'Ubudehe harimo kwemeza inyandiko zifashishwa mu ishyamba mu bikorwa ry'ibyiciro by'Ubudehe, gutangaza ibyavuye mu byiciro by'Ubudehe n'ikoresha ry'ibicyiro by'Ubudehe.
- **Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (LODA):** LODA ishinzwe gutegura inyandiko n'ibindi bikoresha bizifashishwa, guhugura Uturere no gukurikirana umunsi ku wundi uburyo igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro kigenda.
- **Uturere:** Uturere twose duhuza igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro by'Ubudehe ku rwego rw'akarere. Ku bufatanye na LODA, Uturere dutegura amahugurwa n'ubukangurambaga ku rwego rw'Imirenge, Utugari n'Imidugudu. Hashyirwaho amakipe kuva ku rwego rw'Akarere kugeza ku Mirenge n'Utugari ashinzwe gukurikirana no kugenzura ibikorwa. Inzego z'utugari n'iz'imirenge zihuza amakuru yakusanijwe kuri buri rwego.
- **Umurenge:** Imirenge yose ihuza igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro by'Ubudehe ku rwego rw'Umurenge; gukora ubukangurambaga ku bijyanye n'ivugururwa ry'ibyiciro bishya by'ubudehe, gufatanya n'Akarere gutanga amahugurwa, kugeza ibikoresha ku Kagari n'umudugudu, gukurikirana igikorwa kijyanye n'ivugururwa ry'ibyiciro bishya by'ubudehe, guhuza raporo z'Utugari no kuzitanga ku rwego rw'Akarere.
- **Akagari:** Utugari twose duhuza igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro bishya by'Ubudehe ku rwego rw'Akagari; gukora ubukangurambaga ku bijyanye n'ivugururwa ry'ibyiciro bishya by'ubudehe, kugeza ibikoresha ku mudugudu, gukurikirana igikorwa kijyanye n'ivugururwa ry'ibyiciro bishya by'ubudehe, guhuza raporo z'Imidugudu, kuzitanga ku rwego rw'Umurenge no gusubiza ubusabe bwo gukosoza amakuru bwatanzwe ku rwego rw'akagari.
- **Umudugudu:** Gutumira inteko y'abaturage, kuyobora igikorwa cyo gushyira imiryango mu byiciro bishya by'Ubudehe, gutanga raporo ku kagari, kumenya ko ingo zose n'abazigize babaruwe no gusubiza ubusabe bwo gukosorera amakuru bwatanzwe ku rwego rw'Umudugudu.
- **Abaturage:** Ingo zose n'abaturage basabwa kwitabira igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro, kuvugisha ukuri, kumenya ko ingo zose zahawe icyiciro ku rwego rw'Umudugudu no kwemeza ko amakuru yatanzwe ku ngo ari ukuri kandi afasha mu gushyira ingo mu byiciro nyakuri.

- **Umudugudu:** Gutumira inteko y'abaturage, kuyobora igikorwa cyo gushyira imiryango mu byiciro bishya by'Ubudehe, gutanga raporo ku kagari, kumenya ko ingo zose n'abazigize babaruwe no gusubiza ubusabe bwo gukosorerwa amakuru bwatanzwe ku rwego rw'Umudugudu.
- **Abaturage:** Ingo zose n'abaturage basabwa kwitabira igikorwa cyo gushyira ingo mu byiciro, kuvugisha ukuri, kumenya ko ingo zose zahawe icyiciro ku rwego rw'Umudugudu no kwemeza ko amakuru yatanze ku ngo ari ukuri kandi afasha mu gushyira ingo mu byiciro nyakuri.
- **Itangazamakuru, amadini n'imiryango itari iya Leta:** Bagira uruhare mu bukangurambaga kimwe no mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yose y'ivugurura no gushyira ingo mu byiciro bishya by'Ubudehe.

Bikorewe i Kigali, Gashyantare, 2021



Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

UMUGEREKA WA 3

UMUGEREKA WA 3: RAPORO Y'IKURIKIRANABIKORWA ITANGWA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU								
AKARE							
RE							
UMURE							
NGE							
AKAGA							
RI							
UMUDU							
GUDU							
UMUBARE W'INGO ZIGIZE UMUDUGUDU ZASOHOTSE KU RUTONDE (i)	UMUBARE W'INGO NSHYA ZITUYE MU MUDUGUDU ARIKO ZITARI KU RUTONDE (ii)	INGO ZASOHOTSE KU RUTONDE ARIKO ZITAKI BA MU MUDUGUDU (RELOCATED, DEATH) (iii)	INGO ZOSE ZIGIZE UMUDUGUDU (i+ii) -(iii)	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA A	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA B	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA C	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA D	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA E

UMUGEREKA 6.

UMUGEREKA WA 6: RAPORO Y'IKURIKIRANABIKORWA ITANGWA KU RWEGO RW'AKARERE									
AKARE RE								
IZINA RY'UMU RENGE	UMUBARE W'INGO ZIGIZE AKARERE ZASOHOTS E KU RUTONDE (i)	UMUBARE W'INGO NSHYA ZITU YE MU KARE RE ARIKO ZITA RI KU RUTONDE (ii)	INGO ZASOHOTSE KU RUTONDE ARIKO ZITAKI BAMU KARE RE (RELOCATED, DEATH) (iii)	INGO ZOSE ZIGIZE AKARERE (i+ii) - (iii)	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA A	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA B	INGO ZASHY IZWE MU CYICIRO CYA C	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA D	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA E

UMUGEREKA WA 7

UMUGEREKA WA 7: RAPORO Y'IKURIKIRANABIKORWA ITANGWA KU RWEGO RW'INTARA/UMUJYI WA KIGALI									
INTARA/ UMUJYI WA KIGALI								
IZINARY'AKARERE	UMUBARE W'INGO ZIGIZE INTARA/UMUJYI WA KIGALI ZASOHOTSE KU RUTONDE (i)	UMUBARE W'INGO NSHYA ZITUYE MU NTARA/UMUJYI WA KIGALI ARIKO ZITARI KU RUTONDE (ii)	INGO ZASOHOTSE KU RUTONDE ARIKO ZITAKIBAMU NTARA/UMUJYI WA KIGALI (RELOCATED, DEATH) (iii)	INGO ZOSERE ZIGIZE INTARA/UMUJYI WA KIGALI (i+ii)-(iii)	INGO ZASHYIZWE MU CYICA	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA B	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA C	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA D	INGO ZASHYIZWE MU CYICIRO CYA E

UMUGEREKA WA 8: IFISHI YUZUZWA N'URUGO RUSABA GUKOSORERWA AMAKURU Y'ICYICIRO CY'UBUDEHE

AKARERE	UMUGEREKA WA 8: IFISHI YUZUZWA N'URUGO RUSABA GUKOSORERWA AMAKURU Y'ICYICIRO CY'UBUDEHE				
UMURENGE					
AKAGARI					
UMUDUGUDU					
AMAZINA Y'UKURIYE URUGO	NIMERO Y'INDANGAMU NTU	ICYICIRO AJURIRIRA /YASHYI ZWEMO	ICYICIRO ASABAJUKUYAMO	IMPAMVU YO GUKOSOZA AMAKURU	UMWANZURO WA KOMITE Y'UMUDUGUDU
KOMITE NYOBOZI Y'UMUDUGUDU					
No	AMAZINA	TELEPHONE	UMUKONO		
1					
2					
3					
4					
5					
UMWANZURO W'AKAGARI (ES na SEDO) NYUMA YO GUSUZUMA GUKOSOZA AMAKURU					
AMAZINA, UMUKONO NA KASHI BY'ABASUZUMYE UBUSABE BWO GUKOSOZA AMAKURU KU RWEGO RW'AKAGARI					

UMUGEREKA 9: RAPORO MU NCAMAKE YO GUKOSOZA AMAKURU Y'IBYICIRO BY'UBUDEHE KU RWEGO RW'UMUDUGUDU

AKARERE		UMUGEREKA WA 9: RAPORO MU NCAMAKE YO GUKOSOZA AMAKURU Y'IBYICIRO BY'UBUDEHE KU RWEGO RW'UMUDUGUDU		
UMURENGE				
AKAGARI				
UMUDUGUDU				
UMUBARE W'INGO ZASABYE GUHINDURIRWA AMAKURU	UMUBARE W'UBUSABE BWO GUKOSERWA AMAKURU BWEMEWE	IJANISHA (%)	UBUSABE BWO GUKOSORERWA AMAKURU BWANZWE	IJANISHA (%)

Icyitonderwa: Iyi raporo iherekezwa n'urutonde rw'abasabye guhindurirwa amakuru n'ibyemezo byafashwe kuri ubwo busabe.